
# UBUTUMWA BW'UMWAKA WA 2018 NA 2019

**Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbera umutambyi. Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe. ( Hoseya 4 : 6 )**




**Christine NYAKAMWE**

# IRIBURIRO

Impamvu nandiste kano gatabo gakubiyemo ubutumwa bwa 2018 na 2019 ni uko mu Butumwa bwa 2018 Imana yadusabaga kugira umutima w'ubwenge. Kandi imitima y'ubwenge, ni imitima yubaha Imana. Ni ukuvuga ko ari imitima izi kuva mu bibi igakiranuka nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **Yobu 28 : 28 no mu Migani 8 : 13**

Mu butumwa bwa 2018, narasobanuye mu buryo burambuye icyo umuntu yakora ngo ave mu bibi. Ni byiza ko abantu bose babimenya kuko abatazava mu bibi bagiye kubona ingaruka zabyo bidatinze. Ibi bigaragara mu butumwa bw'umwaka wa 2019, aho Imana yavuze ko ari umwaka urimo ubukonje n'ibibi byinshi, kandi ko imanuye ingabo zayo gushira ikimenyetso ku ngo zubaha Imana. Ni ukuvuga ku ngo z'abakiranutsi. Ingo zitazashirwaho ikimenyetso zigiye guhura n'akaga.

Ndabinginze rero mwitegure kuzinjira mu Mwaka wa 2019 Imana ibishimira, mukure ibibi hagati yanyu kandi mufate ibihe birebire byo kuwusengera kugirango Imana izagendane namwe ibarinde kandi ibiyoborere.

# UBUTUMWA BW'UMWAKA WA 2018

Ntangiye nshimira Imana yo ihora idutekerezaho ikamenya buri mwaka ibiryo by'imitima yacu bidukwiriye kugirango tuzatere intambwe mu gukurira muri Yesu no mu kugendera mu mugambi w'Imana kugirango Izina ry'Imana rishirwe hejuru kandi ribe ari ryo rishimwa iteka ryose.

Ubutumwa Imana yaduhaye bw'uno mwaka wa 2018, butubwira ko ari umwaka utoroshe, ko ari umwaka ukomeye. Ni cyo gituma Imana yambwiye ngo mbwire abantu bareke gucika intege. Ngo rangurura ubabwire ko ndi : Uwiteka. Haguruka ubaburire, ndi Uwo ndi We. Ni byo ibihe birakomeye, ariko dufite Imana yo kudutabara nk'uko yatabaye Abanyistraeli amaboko ya Falawo ni ko natwe ije kutubambira ihema ryayo. Ariko, iri rizabambirwa abazagendana ubwenge. Ngo nitugire imitima y'Ubwenge, tube abejeje kandi tube abanyakuri tuve mu buryarya. Musome **Yesaya 50 : 7-9**

Ibihe bikomeye, ni ibihe birimo intambara nyinshi kandi zikomeye. Tutagize kwiyobagiza, turabizi twese ko twageze mu bihe bikomeye bibanziriza ukugaruka kw'Umwami wacu Yesu- Kristo. Ibyo bihe, Umwami Yesu we ubwe yarabidusobanuriye uko bizaba bimeze muri **Matayo 24** kandi byaratangiye. Mushobora kwisomera icyo gice cyose. Ntihakagire uwirara, nta bihe byoroshe tuzasubira kubona. Ahubwo uko imyaka izajya isimbura indi, ni ko ibihe bizagenda bikomera kurusha. Kandi, tugomba kuba abanyabwenge, tukamenya impamvu zabyo n'ukungene twabyirinda, kandi nibitugeraho, ntituzatakaze kwihangana kwacu.

Impamvu ni imwe : Umwanzi w'Imana n'abantu ari we Satani arabona ko ubwami bwe bwenda gushira, none yahagurukanye imbaraga nyinshi kugirango adutandukanye n'Imana turimbuke. Ari kurimbagura abo ashikiriye bose kugirango abateshe ijuru. Nk'uko **Daniyeli yabyeretswe akabishira ahagaragara mu gitabo cye mu gicye cya 8 : 23- 25**, aho atubwira uko bizaba bimeze muri ino si ubwami bwa Satani bwenda gushira ari na cyo gihe tugezemo, yaravuze ati : « *Igihe ubwo bwami buzaba bwenda gushirira, abanyabyaha bamaze gukabya, Umwami w'umunyamwaga umenya ibitamenyekana azima. Imbaraga ze zizaba zikomeye, ariko ntizizaba ari ize ubwe. Azarimbura bitangaje, azabasha ibyo yagambiriye, azarimbura abakomeye n'ubwoko bw'abera. Azagira imigambi ituma abashishwa byose n'uburyarya, kandi azishira hejuru mu mutima we, azarimbura benshi biraye ndetse azahaguruka kurwanya Umwami w'Abami. Ariko, azavunagurika nta wumukozeho ».*

Iri Jambo ritubwira ko Satani yahagurukanye imbaraga nyinshi kudukoresha ibyaha mu buryo bukabije. Iyo tubyihweje neza, nta zindi mbaraga zirenze afite, ahubwo ni twe tumutiza umurindi ku bwo guhora muri kamere yacu yo kwikunda. Twarabisobanuye kenshi ko tuvukana kwikunda. Ku bwo kwikunda, ntitunyurwa noneho tugahora twipfuza, amaherezo, tukararikira. Tugahorana irari mu mitima yacu ry'Iby'isi n'iry'imibiri yacu. Ku bwo irari ritubamo, twimura Imana mu mitima yacu, tukaba twimitse Satani mu buryo tutazi, tukamuha kaze mu mitima yacu ku bwo ubujiji butubamo. Ni ko kumuha imbaraga. Satani ahita adushukashukisha ibyo turarikiye, akadukoresha ibyaha by'indengakamere. Muri **Yakobo1 : 14**, Ijambo ry'Imana ribitubwira neza riti : '' *Umuntu yoshwa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka. Nuko iryo rari riratwita rikabyara ibyaha, ibyaha na byo bimaze gukura bikabyara urupfu*. '' Umuntu rero yoshwa na Satani gukora ibyaha ku bw'ibyo ararikiye uwo mugome ashingiraho. Tugomba kuba abanyabwenge tukava mu bujiji. Ubujiji bwacu bukomeye, bugaragarira mu kutamenya uburyo twakwirukana Satani kugirango adakomeza kuducumuza. Ijambo ry'Imana riri muri **1 Petero 1 : 13** riratubwira riti : '' *Nuko, mukenyere mu mitima yanyu, mwirinde ibisindisha, mwiringire rwose impano y'ubuntu muzazanirwa, ubwo Kristo azahishurwa. Mube nk'abana bumvira, ntimwishushanye n'irari mwagiraga kera mukiri injiji . Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose. Kuko byandistwe ngo : Muzabe abera kuko ndi Uwera* ''.

Nuko rero Petero aratubwira ati ubwo mwakiriye ubuntu bwa Kristo, muce ubwenge, mube ari bwo mwiringira, mube ari bwo mukenyera mu mitima yanyu . Ntimugasubire gukenyera irari, kuko ibyo murarikira, ni byo bisindisha bibibagiza Imana, ahubwo mwumvire ubuntu bw'Imana, ni ho muzaba abera mugakiranuka.

Rero kugirango tube abaneshi muri bino bihe bitoroshe tuzagororerwe n'Imana, tugomba kuba abanyabwenge, tukamenya kwirukana Satani twavukanye ku bwa kamere muntu y'icyaha gituruka ku kwikunda, akatuvaho ntazasubire kutugiraho imbaraga atugira imbata ze. Kandi nta kundi twakwitandukanya na Satani atari ukuva mw'irari ashingiraho aducumuza.

Muri **Hoseya 4 : 6,** Uwiteka Imana yacu iratubwira iti : « *Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbera umutambyi. Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe*. » Imana iratubwira iti nta kindi kiri gutuma duhera mu byaha tukarimbuka, ni ubwenge buke bwacu. Nta kindi kiri gutuma duhera mu maganya n'inzigo tukazabipfiramo tukarimbuka, ni ubwenge buke.

Nagirango twumvikane neza hano, ubwenge Imana ivuga ubwaribwo. Muri Yobu 28 : 28, Uwiteka yabwiye umuntu ati : « *Kwubaha Imana ni bwo bwenge, ati kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka* ». Kandi mu **Migani 8 : 13**, Ijambo ry'Imana rikongera rikatubwira riti : « Kwubaha Imana ni ukwanga ibibi » Kandi twari tumaze kuvuga ko kwubaha Imana ko ari bwo bwenge, ni ukuvuga ko umunyabwenge, umuntu Imana ibona ko ajijutse, ni uwuzi icyo agomba gukora kugirango ave mu byaha. Ni ukuvuga ngo, kugirango ave muri kamere muntu yo kwikunda ari na yo idukoresha ibyaha ku bwo kudukururira mw'irari nk'uko twakomeje kubivuga, noneho yambare kamere y'Imana irangwa n'urukundo. Umuntu ufite urukundo ni we mukiranutsi nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **1 Yohana 3 : 9- 10** ngo :« *Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha kuko imbuto yayo iguma muri we, kandi ntabasha gukora ibyaha kuko yabyawe n'Imana. Icyo ni cyo kimenyekanisha abana b'Imana n'abana ba Satani. Umuntu wese udakiranuka cyangwa udakunda mwene Se, si uw'Imana.* »

Umunyabwenge rero, ni uwumenya icyo yakora ngo abe umukiranutsi' ni ukuvuga ngo ave mu kwikunda noneho agire urukundo. Hano mu by'ukuri iyo turebye abantu bo muri ino minsi y'imperuka turimo, dusanga kwikunda kwacu kwarafashe indi ntera, noneho duhinduka babi cyane nk'uko Pawulo yabihanuye muri **2 Timoteyo 3 : 1** ati : « *Umenye ko mu bihe by'imperuka hazaza ibihe birushya kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, badakunda n'ababo, batuzura, babesherana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako. Abameze batyo, uje ubatera umugongo.* »

Izi ngeso zose mbi ziturانga zituruka ku kwikunda kwashinze imizi mu mitima y'abantu ku bwo kubura ubwenge. Urukundo rwarakamutse, rwarakonje. Mu gihe umuntu yikunda, ntanyurwa, ahora yifuza amaherezo akararikira. Icyo umuntu ararikiye, ni cyo ahoza ku mutima, ni cyo ahozaho ibitekerezo bye. Ni cyo yagize icya mbere, ni cyo akunda kurusha byose. Ni cyo kigirwamana cye kuko cyasimbuye Imana mu mutima we. Icyo ahozaho ibitekerezo bye, ni cyo kimuyobora, ni cyo kimukoresha. Buriya, iyo ibitekerezo byawe bihora ku nzoga, uhinduka umusinzi. Iyo bihora ku biryo, uhinduka umukunzi w'inda. Iyo bihora ku gitsina, uhinduka umusambanyi, iyo bihora ku bakubabaje n'ibyakubabaje, urasharira ukagira inzigo ukananirwa kubabarira, iyo bihora ku ngorane zawe, utakaza icyizere, ubwoba bukakwica ugahora wiganyira. Umwami wacu Yesu yarabitubwiye muri **Matayo 15 : 18- 20** ati : ''Mu mutima w'umuntu ni ho haturuka ibitekerezo bibi : kwica no gusamabana no guheheta, kwiba no kubeshyera abandi n'ibitutsi, ibyo ni byo bihumanya umuntu ''. Ni ukuvuga ko ari byo bimucumuza

Rero, kugambanira abandi, kubica, kubasambanya, kubabeshera, kubahohotera, kubiba n'ibindi bibi byose abantu barabikora ngo babone ibyo bararikiye. Muri bino bihe bya none, ubugome ni bwo bwashinze imizi mu mitima ya benshi noneho bakabaho bababaza abandi. Mwagize ngo inkomoko ya bino bihe bitugoye si twebwe ubwacu ?. Abantu tubayeho tutumvikana, dushyarikana, turyaryana, duhora turyana haba mu miryango, haba mu baturanyi, haba mu bo dusangiye imirimo, nta mahoro ni umwiryane gusa. Nta gutabarana, abantu twabaye ba nyamwigendaho, ndetse twabaye na ba mpemuke ndamuke. Abantu benshi imitima yabo yaratuntuye. Naho bamwe babasha kurengagizaho, amahoro n'umunezero ni bike mu mitima y'abantu benshi.

Kandi aho ikibazo gikomereye, n'uko ibi ubisanga mu bantu b'ingeri zose. Mu bakristo n'abatari bo, mu bayobozi n'abayoborwa, mu bato n'abakuru. N'abiyita abakozi b'Imana abenshi nta cyo usanga barushije abandi. Ni na cyo gituma Imana iri kuvuga muri buno butumwa ngo iri gukorerwa n'impumyi, n'injiji, ngo iri gukorerwa n'abatayizi. Ibi ni ko bimeze kuko hariho abantu bari gukorera Imana bakiyoborwa n'irari ryabo. Buriya, icyo urarikira, ni cyo uhoza mu bitekerezo byawe, ni na cyo uba waragize icya mbere mu buzima bwawe, ni cyo uba warubakiyeho ubuzima bwawe, ni cyo wagize ikigirwamana cyawe. Ubwo rero ku bwo kugihoza mu bitekerezo byawe, ni cyo kigukoresha, ni cyo kikuyobora, kuko turabizi ko umuntu wese ayoborwa n'ibitekerezo bye. Irari ryimura Imana mu mitima yacu. Urumva rero, gukorera Imana utayifite ngo ikuyobore, ni ikibazo gikomeye. Ni ukuvuga ngo witwa ko ukorera Imana kandi uyoborwa na Satani.

Birakwiye ko tujijuja tukava mu bugome tukaba abantu beza. Icyakora, hari benshi bipfuza kuva muri kamere y'icyaha bikabananira kuko batazi uburyo bava mw'irari. Akipfuza kureka gusambana, kureka kubesha, kureka kwiba, kureka gusinda, kuva mu bukunzi bw'inda, ….ariko bikamunanira. Ibyo bintu agahora abyihana ariko bwaca akabisubiramo. Yabisubiramo akumva ariyanze, akabura amahoro, kuko ibyari byo byose, arabizi ko natahinduka, nta juru azabona. Ugasanga abantu bari kuja mw'irimbukiro batabishaka, ari ko ari uko babuze uko babigenza ngo bave mu bubata bwa Satani. Hariho n'abata ishavu ku Mana bayibaza impamvu itabahindura. Nyamara tugomba kumenya ko Imana idakora yonyine. Tutamenye ibyo tugomba gukora ngo tubikore, Imana ntacyo yakora mu bugingo bwacu.

Erega n'Umwami Yesu yarabitubwiye muri **Luka 13 : 22 – 30** aho umuntu yamubaza ngo : Abakizwa ni bake ?. Yesu yaramwishuye aramubwira ati : « *Munyure mw'irembo rifunganye kuko benshi bazipfuza kurinyuramo bibananire* » . Inzira ifunganye itujana mw'Ijuru nk'uko tubisanga muri **Yesaya 35 : 8**,

ni inzira yo kwezwa. Kandi kwezwa nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **1 Abatesalonike 4 : 1-10,** ni ukubasha gutegeka imibiri yacu idatwarwa n'irari nk'abapagani batazi Imana ngo ikomeze kudukoresha ibyaha, ahubwo itwarwe n'Imana mu gukora ibyo ishaka.

Ubu rero buri wese, ikimukwiriye kugirango ave muri kamere y'icyaha akiranukire Imana n'abantu ni ukumenya icyo yakora icyari cyo kugirango ave mw'irari. Dushobora kwisunga ingero z'abatubanjirije kugirango tumenye icyo twakora icyari cyo. Hari abantu babiri ari bo Henoki na Nowa, Bibiliya itubwira ko bari intungane mu gihe cyabo. Mu gihe abandi bantu bari ho muri icyo gihe bakiranirwaga, bo bagaragaje ubukiranutsi. Bibiliya itubwira n'impamvu bo babaye abakiranutsi, ni uko bamenye kugendana n'Imana.

**Mw'Itangiriro 5 : 21**, « *Henoki yamaze imyaka mirongo itandatu n'itanu avutse abyara Metusela. Amaze kubyara Metusela agendana n'Imana imyaka 300. .. Iminsi yose yaramye, ni imyaka 365. Kandi Henoki agendana n'Imana ntiyaboneka, kuko Imana yamwimuye*. » Henoki ngo Imana imuhaye kubyara umwana w'umuhungu wa mbere, yarishimye cyane ngo uwo mwana yari mwiza cyane kandi agasa na we, noneho ngo ashima Imana cyane, ngo kuva ubwo agendana n'Imana, akiranukira Imana ku buryo ngo yamwishimiye, imujana mw'Ijuru adapfuye.

**Mw'Itangiriro 6 : 5,** ngo Uwiteka abona yuko ingeso z'abantu zari mbi cyane mw'isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose. Uwiteka yicuza impamvu yaremye abantu mw'isi bimutera agahinda mu mutima. Uwiteka aravuga ati : « *Nzarimbura abantu naremye mbatsembe mw'isi, uhereye ku muntu n'inyamaswa n'amatungo…Ariko Nowa agirira umugisha ku Uwiteka. Nowa yari umukiranutsi yatunganaga rwose mu gihe cye. Nowa yagendanaga n'Imana*. »

Biragaragara ko aba bantu uko ari babiri, bakijijwe no kugendana n'Imana. Ku bwo kugendana n'Imana, batekereza neza bagakora ibyiza, mu gihe abo mu gihe cyabo batekereza nabi bagakora ibibi. Enoki na Nowa bakiranukiye Imana mu gihe cyabo kuko bagendanaga n'Imana ikaba ari yo ibatekerereza noneho ikaba ari yo ibayobora. Nk'uko tumaze kubibona mw'Ijambo ry'Imana tumaze gusoma, ngo abantu bo mu gihe cya nowa bari babi cyane kuko batekereza nabi. Ibyari byo byose, twabisobanuyeho kenshi, cyane cyane muri za nyigisho zo gukizwa, ndetse no muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo :« **Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana** », ko umuntu wese ayoborwa n'ibitekerezo bye kandi ko icyicyaro cy'ibitekerezo by'umuntu ko ari umutima we nk'uko Umwami Yesu yabidusobanuriye muri **Matayo 15 : 18-20.** Ibyo umuntu avuga n'ibyo akora, ni ishusho y'ibitekerezo bye, ni byo aba agaragaza. Ni cyo gituma Yesu yavuze ngo : Bazabamenyera ku mbuto bera. Mu by'ukuri, umuntu nyakuri ni umuntu w'imbere.

Uwo muntu w'imbere, ni ibitekerezo byawe byicaye mu mutima wawe ni byo bitegeka ingingo z'umubiri, kandi atari Imana ibimenya, nta muntu yamenya ibyo undi atekereza. Abo bantu babiri barakiranukaga kuko bari bafite ibitekerezo bizima bakura ku Mana kuko bagendanaga na Yo. N'ikimenyemenyi, ni uko abo mu gihe cyabo batagendanaga n'Imana, bari babi.

Turagomba rero gusobanukirwa no kugendana n'Imana icyari cyo, ndetse n'icyo twakora kugirango tugendane n'Imana. Imana ni Umwuka, nta mubiri we ugaragara muri ino si ngo tugendane dufatanye mu biganza, ahubwo tugendana n'Imana kuko iri mu mitima yacu tukayibera ubuturo bwiza.

Imana izanwa mu mitima yacu no guhora tuyitekerezaho. Itumirwa mu mitima yacu n'ibitekerezo byacu byayigarukiye, bikava kuri bya bindi twahora turarikiye, bigashikama kuri Yo. Uku ni ko gushikamisha Imana mu mitima yacu. Imana kugirango ishikame muri twe, ntitugomba kuyitekerezaho gusa, tugomba no guhora tuganirira na Yo mu mitima yacu, ni ukuvuga mu bitekerezo byacu. Aho uri hose, jya umenya ko uri kumwe n'Imana utekereza wenyine noneho wirinde kuyicisha irungu. Kandi wibuke ko Imana ugendana na Yo ko ari inyembaraga kandi ko ishobora byose. Ni nacyo gituma aho ri hose no mu byo urimo byose, ugomba guhamagara Imana ikakuba bugufi, ikakugira inama, ikagufasha, ikaguha imbaraga. Nyimba uriho uhinga, reke guhinga wenyine, bwira Imana igufashe, uyibwire izameze, ivomerere kandi yeze byinshi. Reka guhinga wiganyira, ngo mbe ko mbona izuba ryacanye ubwo sinkorera ubusa ntibizarumba ?.

Abandi ngo ariko se rwa rubura rwarwa ubushize ubundi hoho ntiruzasubira ntituri gukorera ubusa? . Abandi bagahinga barira ngo ariko se ubundi bizadushikira ko inzara itwishe?. Nuja no guteka cyangwa kwoza amasafuriya n'amasahani, nuja no mu mirimo y'ubucuruzi cyangwa yo mu biro, ibyo ukora byose hamagara Imana mubibanemo. Nayo ahandi hoho ntacyo uzageraho. No muri **Matayo 12 : 30,** Yesu yaratubwiye ati : " *Uwo tutabana ni umwanzi wanjye, kandi uwo tudateranyiriza hamwe arasandaza* " Ni ukuri, nutakora ibishoboka byose ngo ubane n'Umwami wawe, kandi nta handi mubanira atari mu mutima wawe, ntuzamubera incuti kandi nutamushakamo ubucuti, ntacyo uzakora ngo gitere imbere.

Iyo uri ahantu mu bantu udashobora kuvugisha akanwa kawe, vugira mu mutima, ririmbira Imana mu mutima wawe, hoza amashimwe mu mutima wawe, sengera Imana mu mutima wawe.

**Mu Befeso 5 : 15- 21**, Ijambo ry'Imana riratubwira ngo : " *Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge, mucunguze*

*uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo umwami wacu ashaka. Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure Umwuka Wera. Mubwirane Zaburi n'indirimbo n'ibihimbano by'Umwuka, muririmba mucurangira Umwami wacu mu mitima yanyu. Mujye mushima Imana Data wa twese ku bwo ibintu byose, mubiyishimira mw'Izina ry'Umwami wacu Yesu-Kristo* ". Nuko Pawulo araduhugura aratubwira ati : " *Ntimube abapfu, mugende nk'abanyabwenge mu kumenya icyo Umwami ashaka* ". Icyo ashaka ni uko mudasinda inzoga, kandi inzoga y'umutima si inzoga nyanzoga gusa, ni ibyo urarikiye byose, bisindisha umutima wawe bikakwibagiza Imana. Aratubwira ati: ntimugasinde ibyo, ahubwo mwuzure Umwuka Wera, mube ari wo musinda, kugirango uhore ubaririmbisha aho muri hose, musingize Imana, mureke gusingiza mu mitima yanyu no kuririmbira ibyo murarikiye, abantu cyangwa ibibazo mufite, abababababaje n'ibyabababaje, ibyo mukeneye ntibikabatware umutima. Ahubwo, umutima wawe utwarwe n'Imana.

Umutima wawe uhore ushaka Imana, uhore uhurumbira Imana. Buriya, icyo wamizaho ibitekerezo byawe, uba wakigize icyambere, uba wakirutishije Imana. Ibi ntitukabikinishe, Umwami Yesu yaratubwiye muri cya gitabo cyanditswe na Suzane Davis cyitwa ngo : " *Ubugeni bw'Umwana w'Intama*" ati : " *Ibyo mwandutishije byose muzabibura nanjye mumbure* ". Imana nitutayigira iya mbere ngo tuyiharire imitima yacu n'imibiri yacu, tunayiharire n'ibyacu byose tuzabura amahoro muri ino si, nitwarangiza turimbuke. Niduhora duhurumbira Imana mu mitima yacu, Umwuka Wera uzatwuzura, ukure mu bitekerezo byacu ibyo twari twaragize ibigirwamana byacu noneho ube ari wo usigara udutekerereza. Nudutekerereza ukatuyoboza ibitekerezo byawo, tuzambara gukiranuka kw'Imana. Muri Kino gitabo nyine ndangije kuvuga cya Suzanne Davis, Umwami Yesu yaravuze ngo : " **Kutazirikana no kutita ku Mana, ni cyo cyaha kigoye kwozwa**" . Aha, Yesu yashaka kutubwira ngo nitutahora twibuka Imana ngo ibe ari yo duhozaho ibitekerezo byacu, noneho ibigenge, bizafatwa na Satani adutekerereze iby'ubugome, twambare gukiranirwa kwe. Icyo gihe, ntituzabasha kuva mu byaha, tuzahora turi imbata za Satani kuko tuzaba tugendana n'umuzi w'ibyaha.

Ijambo ry'Imana riri muri **Yesaya 26 : 3** riratubwira riti : " *Ugushikamishijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye. Mujye mwiringira Umwami iminsi yose, kuko Umwami Yehova nyine, ni we Rutare ruhoraho iteka ryose* ''.

Aha Imana itubwira ko nitwegurira Imana imitima yacu, tukayihozaho ibitekerezo ni ko kuyizera, natwe izaturinda n'ibyacu byose kuko izaba iri kumwe natwe. Izarinda ibitekerezo byacu ibirinde wa mubi ataza kudutekerereza ibidushukashukira mu byaha. Ahubwo, Imana izadukuramo ibitekerezo bibi twahorana, iduhe ibitekerezo bye byiza nirangiza ibirinde. Ni ukuvuga ngo : Izadute-

kerereza duhore mu bushake bwayo tuyiyoboke. Ntituzasubira kuyoboka ibyo turarikiye. Aho ni ho tuzakura gukiranuka kwuzuye kuko tuzatekereza nk'Imana, noneho tukavuga nkayo, kandi tugakora nka yo. Muri cya gitabo nari maze kuvuga cyitwa ngo : Ubugeni bw'Umwana w'Intama, Umwami Yesu yarongeye aravuga ati : Umuti w'umuzi w'icyaha ni umwe : " *Ni umutima uhora ushakisha kunyurwa n'Imana* ". Aho uri hose, umutima wawe ugahora wifuza Imana, ni ho uzava muri Kamere yo kwikunda ukunde Imana, Imana uyibere ubuturo. Imana izaba iba muri wowe izaguha ku rukundo rwayo, igukundishe abantu bose. Rero, ntitukabe injiji, nk'uko Umwami Yesu yabitubwiye incuro nyinshi muri iki gitabo maze kubabwira ngo:" Ntimukabe injiji, ngarurira ibitekerezo byanyu ". Imana idusaba ko tuyitekerezaho gusa, igafata ibitekerezo byacu ikatuyobora tugahora mu bushake bwayo. Uko ni ko kuyirekurira imitima yacu, nitwabikora, na Yo izaduhindura iduhe imitima mishya, idukuremo imitima ya kamere.

**Mu Befeso 4 : 22 – 24** Ijambo ry'Imana riratubwira ngo : " *Mukwiye kwiyambura umuntu wa kera uheneberezwa no kwipfuza gushukana , mugahinduka bashya mu mwuka w'ubwenge bwanyu, mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera, bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse. Twebwe mu mbaraga zacu ntidushobora kwihindura, Imana ni yo ibishoboye, twebwe icyo tugomba gukora, ni ukuyirekurira ibitekerezo byacu*.

Ijambo riri mu **Bakolosayi 3 : 1- 7** rirabishimangira riti : " *Nuko rero nyimba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari yicaye iburyo bw'Imana. Mujye muhoza umutima ku biri hejuru atari ku biri mw'isi, kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishanywe na Kristo mu Mana. Kandi ubwo Kristo ari we bugingo bwanyu, azerekanwa, namwe muzaherako mwerekananwe na we muri mu bwiza bwe. Nuko noneho, mwice ingeso zanyu z'iby'isi : Gusambana no gukora ibiteye isoni, no kurigira, no kurarikira, n'imyifurize yose ari ko gusenga ibigirwamana. Ibyo ni byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira. Kandi namwe mwabigenderagamo kera, ubwo mwahoraga muri byo*. "

Iri Jambo rikomeza gusobanura neza no guhamiriza ibyo twariho tuvuga. Ngo niduhoza imitima yacu ku by'Ijuru, iby'Ijuru bikaba ari Imana n'Umwana wayo, kamere zacu zizapfa, ni ukuvuga ngo ibitekerezo bya kamere byadukoresha bizatuvamo, twinjirwemo n'ibitekerezo bya Kristo ari bwo bugingo bwacu, noneho Imana ibuhishanye n'ubwa Kristo muri Yo . Aha ndifuza ko buri wese yasobanukirwa ko ibitekerezo bye ko ari we muntu we w'imbere kandi ko ari bwo bugingo bwe. Mu muntu, byose bizapfa keretse ibitekerezo bye. Ibitekerezo bya buri muntu ni byo bizazamuka imbere y'Imana gucibwa urubanza. Nupfana ibitekerezo bisa n'ibya Yesu, ni ukuvuga wahawe na Yesu, uzaja mw'Ijuru.
Uku ni ko gupfira muri Yesu kuko uzaba ufite Yesu muri wowe. Nupfana ibitekerezo bya Satani ni ukuvuga ibyo watekererejwe na Satani, uzaja mu muriro

utazima kuko upfiriye muri Satani. Ni ukumenya ko So, ni uwo musa mu bitekerezo, ni uwugutekerereza, ni we rero ukuyobora, ni na we uzakwegukana. Tugire ubwenge tutegukanwa na Satani. Ahubwo duharanire ko ibitekerezo byacu bihora bituruka kuri Yesu kandi ari we bishikamyeho kugirango bihore bihishwe n'Imana nk'uko twabivuze kare.

Buriya, ni yo mpamvu Bibiliya itubwira mu **Migani 4 : 23** iti : " *Rinda imitima yanyu kurusha ibintu byose birindwa kuko ari ho haturuka iby'ubugingo* ". Iby'ubugingo ni ibitekerezo byacu. Kandi nta wundi yabasha kubirinda atari Imana ibasha kwinjira mu mitima yacu igihe cyose tubimwerekejeho.

None ibihishijwe n'Imana ikabihisha muri Yo, ni nde yabigeraho ? Iryo ni ryo hema agiye kubambira abana be. Ahishe imitima yacu mu mutima we. Gutyo, Satani azadushaka atubure, azaba yaneshejwe ntazaba akibasha kutugeraho ngo adutekerereze. Ngirango mwese murasobanukiwe, ko kunesha Satani n'ibyaha bye, n'ibigeragezo bye, nta yindi ntwaro yadushoboza atari ukugendana n'Imana. Imana rero iratubwira muri buno butumwa ngo buri wese agume kw'izamu rye igitego kidatsindwa. Ni ukuvuga ngo buri wese abe maso, ahamishe umutima we ku Mana, areke gukomeza kuzeragiza ibitekerezo bye. Hari igihe wazerera Satani akaguca mu ryahumye akakwinjirana akakunesha. Kukunesha, ni ukugutekerereza, akagusubiza mw'irari, akagukoresha ibyaha.

Pawulo yahuguye Timoteyo aramubwira ati : " *Ujye urwana intambara nziza yo kwizera usingire ubugingo buhoraho, ubwo wahamagariwe, ukabwaturira kwatura kwiza imbere y'abahamya benshi* " **1 Timoteyo 6 : 12 .** Muri ano magambo magufi yamubwiye, yamubwiye ibintu bikomeye ati : Uje urwana intambara nziza yo gushikamisha umutima wawe ku Mana ari ko kuyirekurira ibitekerezo byawe, urinde ibitekerezo byawe bitazerera, ukaneshwa, ugatakaza ubugingo buhoraho wari warahamagariwe. Natwe uno munsi, ni twe Pawulo abwira.

Ariko nyine kugirango tugendane n'Imana ibashe gufata icyicyaro mu mitima yacu, ntabwo ibyo tugomba gukora ari ukuyirekurira ibitekerezo byacu gusa, hari ibindi tugomba kwitwararika. Ndetse no kugirango ibitekerezo byacu biyihindukirire, hari ibintu by'ibanze tugomba gukora.

## 1. Tugomba kwakira Yesu nk'Umwami n'Umukiza wacu.

Imana, ntija itandukana n'umwana wayo. Aho Umwana ari, n'Imana iba ihari. Aho Umwana atari, n'Imana ntihaba. Umwana azanwa muri twe no kumwakira mu kuri no mu buryo bwategetswe n'Imana. Tugomba rero nyimba twarakiriye Yesu-Kristo, kumenya neza nyimba koko tumufite cyangwa tutamufite. Kuko dushobora no kuba twaramwakiriye mu buryo buboneye yarangiza akigendera kuko tutabashije kumwigumizamo.

Hariho rero abibwira ngo barafite Yesu kandi batamufite, hama bakibaza impamvu byabananiye kuva mu byaha. Ni uko Imana itaba muri bo ngo ibe ari Yo ibatekerereza. Ubwo rero ntigendana na Yo kandi ntibabizi. Nagirango hano tuganire ku mpamvu zimwe zituma twakira Yesu ntabashe kuza mu mitima yacu. Mu kwakira Yesu- Kristo, Bibiliya mu **Baroma 10 : 9,** Ijambo ry'Imana ritubwira ngo : « *Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe y'Uko Imana yamuzuye, uzakizwa* . » Birumvikana ko ugomba kumushakisha umutima n'akanwa kawe. Kimwe muri ibyo iyo kibuze, ntabwo nawe aboneka. Hari amatorero atacatuza Agakiza abayoboke babo. Abashaka kwakira Agakiza ntibabasubirishemo ya magambo yo gusezerana na Yesu, ahubwo barabahagurutsa, barangiza bakabasengera gusa. None Yesu yagendana n'abantu badafitaniye amasezerano ? **Amosi 3 : 3.** Ikindi narasobanuye neza imbaraga z'Ijambo muri za nyigisho nashize kuri YouTubes no ku ma CD zitwa ngo : Agakiza si igikinisho, ndetse no mu Gitabo cyitwa ngo : **''Intambwe zo mu nzira y'Agakiza** ''. Ababasha gusanga izo nyigisho kuri internet mubikore, abatazifite bashaka kuzisoma banyoherereze Email zabo nziboherereze. Abashumba bumva bazigishiriza abakristo babo ku ma CD, mubimenyeshe nzayabagezaho, ni ubuntu. Rero mu magambo make, Ijambo twatuje akanwa kacu, Umwuka Wera aba yiteguriye kukidushoboza. Kandi n'ingingo z'umubiri wacu ziba ziteguriye kugishira mu bikorwa kuko Ijambo rituruka mu bitekerezo byacu bitegeka umubiri wacu. Imana rero iraheza ikaduha Umwana wayo, natwe tukamwakira nk'umwami n'umutware w'ubuzima bwacu tugatangira kumuyoboka.

Ikindi, twavuze ko Yesu azanwa muri twe n'uko twamwipfuje, tukamushakisha imitima yacu, tukamwera. Hari abantu bakira Yesu ku gahato, abandi bakabikora bigana abandi, abandi bakakira Yesu nk'ibigezweho. Abandi bakamwakira nk'agakingirizo kugirango bigerere ku ntego zabo bwite. Aba bose, nta Yesu bazabona n'iyo bakwatuza akanwa bakavuga ayangana iki, ntazabazirahо. Ibisobanuro birambuye murabisanga muri cya gitabo nandika cyitwa ngo : « **Agakiza ni Yesu** ».

Abandi baramwakira mu kuri bakamubona akaza mu mitima yabo ariko bakabura ubwenge bwo kumushikamishamo amaherezo akigendera. Erega n'Imana yarabyivugiye muri bwa butumwa yampaye yise ngo : Agakiza si igikinisho aho yatubwiye ati : '' *Kwakira Yesu no kumugumana bisaba maturité, ni ukuvuga, kuba ukuze mu bitekerezo. Ntimugahatire abantu kunyakira. Ndarambiwe n'Abantu banyakira ntibampe icyo kunywa, ntibamvugishe* ''. Guhora uganiriza Yesu, ni kimwe mu bintu bimunezereza bigatuma agendana na we. Ariko n'ubundi tuje dushira mu gaciro.

Ubu se wabona umushitsi warangiza kumwicarika ukigendera ntumuganirize yahaguma ? Yakwigendera kuko aba yumva ko utamwitayeho, ahubwo unamusuzugura. Buriya, ubucuti bukomezwa no kuganira. Ese umugabo n'umugore bobo bakwubaka urugo rukaguma bataganira ?. Mwibuke ibya Marita na Mariya mushobora kwisomera muri **Luka 10 : 38 – 42**. Marita ngo yahagaritswe umutima n'imirimo yo kuzimana Yesu yagiye i wabo kubasura, Mariya nawe yiyicarira ku birenge bya Yesu atangira kuganira na we. Marita atangiye kwitotombera Mariya ngo naze kumufasha, Yesu yaramubwiye ati : '' *Marita, Marita, uriganyira wirushya muri byinshi, ariko ngombwa ni kimwe, kandi Mariya yahisemo umugabane mwiza atazakwa*.''

Urumva n'aho wakorera Yesu ibingana iki utamuganiriza ngo ufate umwanya wo gusabana na we, ntabwo yagumana nawe, ahubwo, wasanga uri gukora wenyine. Tugomba gukunda gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana, tukirinda kwicisha Yesu irungu.

Buri muntu ku giti cye yihereranye n'Imana, agomba kugira ibihe bye byo gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana. Uku ni ko kuganira no gusabana n'Imana. Amasengesho yaba ayo dukorana n'abandi, yaba ayo dukora twenyine, ahagurutsa Imana ikaza kubana natwe. Amasengesho no gusoma Ijambo ry'Imana ni kimwe mu bintu bikomeye bituma Imana itura mu mitima yacu ikagendana na twe. Imana ntibasha kubana n'abantu batayitayeho batayivugisha, basa n'aho nta gaciro bayiha. Gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana tugomba kubiha umwanya tukabishira imbere kandi tukabikora buri munsi. Umwami wacu akomezwa mu mitima yacu no guhora aganira natwe. Ibi ni bimwe bimwereka urukundo umufitiye, ndetse ni bimwe mu bikomeza ubumwe mufitaniye, na cyane cyane iyo usengera mu kuri no mu mwuka nk'uko twabisobanuye mu biganiro twakoze ku buryo bwo gusenga mushobora gusanga mu butumwa budusaba " **Gukanguka** ''

**2. Ukimara kwakira Agakiza, ugomba gusaba imbabazi watura ibyaha byawe byose wari warakoze kugirango Yesu akwogeshe amaraso ye akweze abashe gufata icyicyaro mu mutima wawe.**

◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇

Kandi ni uko ugomba kubigenza igihe cyose uzasubira gukora ibyaha: " Ibyo ndabibabwira kuko nabyigishijwe n'Imana ". Natinze kwatura ibyaha maze kwakira Yesu kuko atawari yabinyigishije. Ariko aho Imana ibimenyeshereje yo ubwayo narabikoze, hama Imana irambwira ngo : « **Nipfuje kugendana na we kuva kera ariko nari narakubuze, none kuva uno munsi umbereye incuti** ». Urumva Yesu ntiyabashije kugendana nanjye kuva umunsi namwakiririyeho, byakunze aruko nihanye ibyaha byanjye ngasaba imbabazi. Kandi birumvikana, Imana ntibana n'ibyaha. Ni cyo gituma ukimara kwakira Agakiza, ugomba gufata umwanya wo gusaba imbabazi z'ibyaha wakoze mbere, kandi uko ducumuye, tugomba guhita dusaba imbabazi vuba na bwango. Uko utindana n'ibyaha, ni ko utindana na Satani noneho uwo utindana na we, uratinda ugasa na we, ugakora nka we. Twirinde.

**3. Ugomba gukunda gusenga no gusoma no gutunga Ijambo ry'Imana mu mutima wawe, ukarihamisha akanwa kawe kandi ukaryumvira.**

◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇

Muri **Yosuwa 1 : 5 - 9,** Imana itoranya Yosuwa ngo abe ari we uyobora ubwoko bw'Abanyistraeli Mose amaze gupfa, Imana yaramubwiye iti : « *Nta muntu n'umwe wabasha kuguhagarara imbere iminsi yose yo kubaho kwawe. Nk'uko nabanaga na Mose, ni ko nzabana na we, sinzagusiga kandi sinzaguhana. .. Icyakora, ukomere ushikame cyane kugirango witondere amategeko yose umugaragu wanjye Mose yagutegetse. Ntuzayateshuke iburyo cyangwa i bumoso kugirango ubashishwe byose aho uzajya hose. Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko, ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo, ujye ubitekerezaho amanwa na nijoro kugirango ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe zose ukabashishwa byose. Mbese si jye ubigutegetse ?. Nuko ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe na we aho uzajya hose.* »

Imana ibwira Yosuwa iti : Nzagendana na we aho uzajya hose, kandi nzakubashisha byose, ariko banza ukomere ushikame mu mategeko yanjye, mw'Ijambo nababwiye. Urihoze mu mutima wawe, ni ukuvuga ngo uhore uritekerezaho, nurangiza uryitondere, kandi ntusibe kurihamisha akanwa kawe. Ni ukuvuga ngo uhore urisobanurira abantu banjye, unabahamiriza icyo ryahinduye mu buzima bwawe, uritangire ubuhamya, kandi mu byo uzageramo byose rizagutabara nuryambaza ukarisengeramo.

N'Umwami wacu Yesu-Kristo yarabitwibwiye muri **Yohana 14 : 21** ati : « *Ufite Ijambo ryanjye, ni we unkunda, kandi unkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyereke. Arongera ku murongo wa 23 aravuga ati : Umuntu nankunda azitondera Ijambo ryanjye, na Data azamukunda, tuzaza aho ari tugumane na we.* . »

No muri **2 Yohana : 8**, Ijambo ry'Imana rirongera rikabihamya riti : « *Umuntu wese urengaho ntagume mu byo Kristo yigishije ntafite Imana, naho uguma mu byo yigishije ni we ufite Data wa Twese n'Umwana we* »

Rero ufite Ijambo ry'Imana muri we, akaryumvira, akarihamya, ni we uzagendana n'Imana. Kandi Imana igendana natwe, izatuneshereza muri byose kuko ni Imana ishobora byose. Tuyifate nk'Imana y'inyembaraga, izaduha gukiranuka kwayo, ituneshereze kamere zacu zose zatunaniye. Igikuru ni ukwiringira muri Yo gusa. Ntidukomeze rero kuyisuzugura twiringira mu bindi nk'uko yabitubwiye muri buno butumwa ngo hari abamutaye, bamusuzuguye. Imana ni rudasumbwa. Igihe cyose wiringiye mu bindi bintu, mu bandi bantu cyangwa ukiringira ubwenge bwawe, uba uyirutishije ibyo wiringiyemo, ni ukuyisuzugura. Aha nagirango nsobanure kurushya kwumvira Ijambo ry'Imana ari ko kwumvira Imana uburyo ari ibintu bikomeye mu mibanire yacu y'Imana. Ikintu Imana yabujije Umuntu, ni ukwiyobora, ni ukwigenga. Imana ntiyemera ko umuntu yishingikiriza ku bwenge bwe mu byo akora, ngo aje yibaza ngo mbese iki ni kibi cyangwa ni cyiza ?. Imana irashaka ko ari yo uhora ubaza muri byose. Mu buryo busobanutse, jya mu byo ugezemo byose ubaza Ijambo ry'Imana icyo ribivugaho bibe ari byo ukurikiza. Kuko ibyo twibaza ko ari byiza, bishobora kuba ari bibi imbere y'Imana.

Tugomba kumenya ko Imana ifite ubwenge buturengeye kandi ko izi byose ikamenya n'ingaruka z'Ibyo dukora byose. Dushobora rero kwibwira ngo turakora byiza tugasanga turi gukora ibyaha kuko ibyo twibwira si byo Imana yibwira. N'uko tureba ibintu si ko Imana ibibona. Ukazasanga abantu bararimbutse kandi bari bazi ngo bari gukora byiza kandi n'ababareba bababona nk'intungane. Iki ni cyo gituma Imana yabujije Adamu na Eva kurya icyamwa cy'igiti cy'ubwenge kimenyesha icyiza n'ikibi. Imana yarareba igasanga abantu nibatangira kuyoborwa n'ubwenge bwabo ha kuyoborwa n'Imana iri muri bo, bazayoba barimbuke. Ni cyo gituma yababwiye ati : No gupfa muzapfa. Bamaze kukirya, bahindutse ibyigenge byitegeka, batangira kwibaza ha kubaza Imana. Ni cyo gituma yabirukanye. Imana ntiba mu mitima y'abantu bigenga. Imana yadusezeranije kutuyobora muri **Zaburi 32 : 8** iratubwira iti : « *Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho* ». Imana nuhora uyigisha inama muri byose, ukaba ari yo ushira imbere mu byo ukora byose, izaguhozaho umutima wayo, izaguhozaho ibitekerezo byayo igutekerereze. Kandi hano ikibazo kihari, ni uko no mu bakristo bakiriye Yesu ari we Gakiza

kacu, hakirimo benshi bacibaza bo ubwabo ngo mbese iki kintu ngiye gukora ni cyiza cyangwa ni kibi ? Akibaza yarangiza akisubiza, akagendera ku byo yibwiye ko ari byiza, ha kubaza Yesu uri muri we. None uri uwa Kristo gute kandi utari mu bushake bwe ?. Umwami Sawuli ni cyo yazize. Imana yamubwiye kurimbura Abameleki bose n'ibyabo byose. Ha gukurikiza uko Imana yamutegetse, we yumva ari byiza gukiza Umwami wabo ndetse n'ibitungwa bibyibushe ngo abitambire Uwiteka. Imana iyo igutegetse ikintu iba ifite impamvu zayo ushobora no kudasobanukirwa. Ikigukwiriye, ni ukwirinda kuyisuzugura ugakora uko utegekwa ata kwibaza byinshi. Musome muri **Samweli wa mbere ibice bya 15 na 28**, murasanga Sawuli yarasabye n'Imana imbabazi irazimwima. Umwami Yesu yarabivuze mu magambo atomoye muri **Matayo 12 : 30- 32** ati : Abantu bazababarirwa icyaha cyose n'igitutsi, ariko gutuka Umwuka Wera ni icyaha kitazababarirwa. Nta gitutsi kiruta agasuzuguro. Twitwararike kandi twitonde, Imana ntikinishwa. Imana ni Imana ikomeye, ikwiye kwubahwa, kandi ikunda icyubahiro ikanga agasuzuguro.

None se nyimba Imana uyimye uburenganzira bwe bwo kukuyobora no kukugira Inama nk'umubyeyi yaguma muri wowe igushakamo iki ?. Ese wagize ngo Imana ni impfungwa waje gufunganira muri prison y'Umutima wawe ?. Mu byo ukora byose rero, tega amatwi umutima wawe. Ikintu cyose uzumva udahamanya n'umutima wawe, ukumva uja kugikora ukabura amahoro, cyihorere, Imana iri muri wowe ntigishaka. Kandi numara kugikora ukabura amahoro n'aho wibaza ngo ni byiza, saba imbabazi wakosheje. Uwitwa Watchman Nee, mu gitabo cye yise ngo : « **Inkingi za Gikristo** » yavuze kuri iyo mibanire yacu n'Imana uburyo tugomba kuyitondera, aduha n'ubuhamya. Ngo hari abahungu babiri bavukana, ngo bakagira umurima w'umuceri hejuru ku musozi. Ngo buri munsi bahora bazinduka bakaja gushira amazi mu murima wabo, ngo nimugoroba batashe, umuturanyi wabo yarafite umuceri mu kabande munsi y'umusozi, ngo yahora ahita aza agakura amazi mu muceri wa ba bahungu akayayobora mu murima we. Noneho, icyo bakoze, kubera ko ngo bari abakristo, baramwihoreye buri munsi bikagenda uko.

Ariko ngo bakumva kumwihorera bibabujije amahoro. Ni ho bagiye kugisha inama umuntu ngo yari akuze cyane mu Gakiza, noneho arababwira ati, uwo muntu mwamuhaye ikanzu mumwima umwitero.Yarabakubise kw'itama rimwe mumwima irisigaye kandi Yesu si uko yadutegetse. Arababwira ati noneho muje muhora mubanza kwuzuza amazi umurima wa wa wundi imbere yo kuyashira mu wanyu. Muzareba ntazasubira kubabangamira. Babikoze batyo ngo ni ho babonye amahoro. Wa muturanyi wabo na we asanze bamuvomereye umurima arishima cyane ahubwo na we arahinduka aba umukristo. Aravuga ati : Nyimba kuba umukristo ari uko abantu bahinduka beza, nanjye mbaye umukristo.

Aha ni ho namenyeye ko gutanga n'umwitero no gutanga itama rya kabiri ngo barikubite, ngo ni ukubabarira uwakugiriye nabi, warangiza ukamugirira neza.

Ubundi yaduhaye ubuhamya bwe, atubwira uburyo yahuye n'umuntu w'umukene aramusaba, amusabye aramuha amafranga. Amaze kuyamuha ngo abura amahoro. Amaze kubura amahoro arasenga abaza Imana ati kubera iki nakoze ikintu cyiza kikambuza amahoro ? Imana iramubwira iti : Ntabwo nashaka ko uyamuha. Ni byo, hari igihe umuntu usanga afashije umutekamutwe atabizi, ubundi ugasanga ukuye umuntu mw'ishule ry'ubukene Imana yamushizemo hataragera ko arivamo, noneho Imana ntibyishimire. Imana njye yigeze kunyibwirira ngo : No mukugira ubuntu ugomba kubigirana ubwenge. Ngo hari abantu uja ufasha ntibiguheshe umugisha, ukaba uriho ukora ibyo utazagororerwa.

Kubana n'Imana ari Yo twiringiye tuyigisha inama muri byose kandi tukayihishurira ibyacu byose, tutagisha inama ubwenge bwacu cyangwa amadini n'abandi bantu, ni byo Imana idushakaho kuko irashaka kubana natwe nk'umubyeyi n'abana bayo, ari yo twiringiramo yonyine. Abantu bifata bupfubyi imbere y'Imana, bahora bigunze, biganyira, bigwanirira, bahora bayiryarya, bayinyegeza ibyabo byose, bakamera nk'uko umugani w'ikinyarwanda utubwira ngo : " *Umwana utari uwawe yimba aguhisha itaka* ". Abantu batisanzura imbere y'Imana, ntibumve muri bo urukundo rwayo ngo bayiringire, abo, ntibazabasha kuva mu byaha, bagiye no gukubitika kuko nta burinzi bw'Imana bubariho kuko Uwiteka ntabwo ari kumwe nabo. Imana ntibana n'abigize impfubyi zo mu Mwuka. Mwisuzume murebe nyimba Imana muyibaniye nk'abana bayo cyangwa muyibaniye nk'impfubyi.

Twariho tuganira ku butumwa bw'Imana bwa 2018 butubwira ko uyu mwaka ko ari umwaka ukomeye ko atari umwaka woroshe. Ni umwaka abantu batazagendana n'Imana bazakoreramo ibyaha by'indengakamere, ni Umwaka abantu bazahuriramo n'akaga gakomeye nibatikomereza ku Mana. Ni umwaka w'ubugome bukabije buzatuma abantu bacura imiborogo. Ariko n'aho bimeze bityo, ni Umwaka w'ibitwenge n'umunezero ku bakunda Imana, bayiringira kandi bakayikorera neza. Inkota ibanguriwe abanyabyaha bazayirebesha amaso ariko bo ntizabageraho. Ni cyo gituma Imana iduhamagarira gusengera cyane uno mwaka dusengera ubugingo bwacu, dusengera imiryango yacu, dusengera ibihugu byacu ndetse n'isi yose. Tugomba kwiragiza Imana.

Dusengere cyane abayobozi bacyu kugirango batuyoboze ubwenge n'urukundo bituruka ku Mana tubone guhora mu mahoro tutabona ibyago by'intambara. Musome zaburi ya 91, ni ho hakubiye ubuhanuzi bw'uno mwaka.

## Ubutumwa bw'Imana bw'Umwaka wa 2018 nk'uko nabuhawe n'Imana

◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇

**Imana ituvugishije muri aya magambo iti** : Umwaka wa 2018 ni umwaka utoroshe, ni umwaka ukomeye. Mube maso musenge buri wese agume kw'izamu rye igitego kidatsindwa. Ni Umwaka wo guhemba no guhana. Buri wese agiye kubona ingaruka mbi cyangwa nziza z'iby'akora. Manuye uburinzi ku banjye, mbababambiye ihema ryanjye. Manuye ibitwenge ku bakozi bankoreye neza. Buri wese azahembwa uko yakoze. Musengere uyu Mwaka cyane, musengere ibihugu byanyu, musengere imiryango yanyu. Mutunge imitima y'ubwenge, mube abejeje kandi mube ab'ukuri, muve mu buryarya. Rangurura uburire abantu ko ndi Uwiteka. Haguruka uburire abantu ko ndi uwo ndi we. Abantu bacitse intege baransuzuguye. Bamwe baravuga ngo singishoboye. Uko nakuye Abanyistraeli muri Egiputa mu bubata bwa Farawo ni ko n'ubu ngishoboye . Ndi Imana yishoboye. Bankorera batanzi. Impumyi ni zo ziri kunkorera . Abantu ni injiji, mujijuke sinkorana n'injiji. Bajijuke bamfate nk'Imana ishobora byose. Nimushake Imana  bigishoboka ko abonwa. Umwijima ugiye kuza. Bamwe barantaye, abandi baransuzugura. Mugire kwirinda kwinshi.  Amen

Musome **Yesaya 55 : 6-9 , Abaheburayo 10 : 35-39, Itangiriro 2 na 3, Zaburi 91, Abefeso 5, Amabaruwa ya Petero uko ari abiri, Yohana 15,  Zaburi 106, 107, 108 na 23 ; Yesaya 40, Yesaya 50, Ibyahishuwe 3 : 7- 13 ,  2 Yohana.**

## UBUTUMWA BW'UMWAKA WA 2019

Ntangiye nshimira Imana yaduhaye buno butumwa kandi namwe mbashimira ku bwitange bwanyu bwa buri gihe bwo gutega amatwi ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu-kristo. Imana yampaye ubutumwa bw'Umwaka wa 2019 ngo mbubagezeho hakiri kare. Nibajije impamvu Imana yabumpaye hakiri kare gutya, nasanze Imana ishaka ko tuwitegura kuko ari Umwaka ukomeye cyane kurusha n'uwu turiho turangiza wa 2018. Ibyaribyo byose twarabibwiwe incuro nyinshi ko nta bihe byoroshe duteze imbere. Ahubwo uko ibihe bizagenda bisimbura ibindi, uko imyaka izagenda ibisa indi, ni ko ibihe bizagenda bidukomerera.

Buriya, ejo hategurwa n'uno munsi. Kandi icyo uzabaco ejo n'icyo uzageraho ejo ugiharanira uno munsi. Ni cyo gituma ino minsi dusigaje ya 2018, igomba kudufasha kwitegurira guhangara Umwaka utaha tukazawunesherezamo. Kuwitegurira neza, ni uko twagerageza muri ino minsi isigaye kwisuzuma kugirango dutunganye ibidatunganye, tuzabashe kubona amanota meza azaduhesha gushirwaho ikimenyetso cy'abazarindwa n'Imana muri 2019. Kandi uno munsi ni ho tugomba gusengera iby'ejo, naho tutazi ko tuzahagera. Kugirango nitwahagera tuzahanezerererwe. Umwaka wa 2019, tuwusengere kandi dusengane umwete.

Imana impa ubutumwa bwa 2019, yambwiye ko muri uno mwaka wa 2018 turiho turangiza, ngo abantu bayikoreye ibibi byinshi kandi bitwa abakozi be. Murumva ko abenshi muri uno mwaka ko batanejeje Imana. Barayigomeye, baja hanze y'Ijambo ryayo, ntibayumvira. Buri wese rero ahawe umwanya wo kwisuzuma no kwisubiraho kugirango yihane ibyaha yakoze, kandi akore ibyo yagomba gukora atakoze. Kuko ideni ryose ufitiye Imana n'abantu, ni icyaha. Turetse ko kutishura ibyo wagujije abandi ari icyaha, hano ndashaka cyane cyane kuvuga ku masezerano yaba ayo twahaye Imana, yaba ayo twahaye abantu, kutayasoza ni icyaha. Twisubireho rero tuzarangize uno mwaka Imana itwishimiye dufite raporo nziza tumurikira Imana. Tugomba kubaho mu buzima bwo gutinya Imana, tugahora duharanira kutagira umugayo imbere yayo.

Ibyaribyo byose, abakoreye Imana ibibi bihane kandi bisubireho amazi atararenga inkombe kuko turi mu gihe cyo guhemba no guhana. Umuntu wese ariho abona ingaruka z'ibyo akora ari ibibi cyangwa byiza.

Umwaka rero twinjiyemo wa 2019, Imana yavuze ko urimo ubukonje, kandi ko urimo ibintu bibi bikomeye. Ubukonje Imana ivuga hano, ntabwo ari ubukonje bw'ikirere, ni ubukonje bw'imitima yacu. Umutima ukonje, ni umutima wakamutsemo urukundo, kandi watakaje ibyiringiro. Uwo ni wo mutima wasubiye inyuma, ni wo mutima waguye. Ni ukuvuga ko ku batazaba maso, ngo basenge kandi bikomereze ku Uwiteka, bagiye kugwa bave mu Gakiza.

Ibibi bikomeye, birimo kugomerwa no kugerwaho n'intambara zinyuranye, bigiye gutuma abantu badahagaze kuri rya buye, ari we Yesu-Kristo, ari we Jambo ry'Imana bagwa. Gukonja ni ko kugwa. Umwami Yesu yaratuburiye muri **Matayo 24 : 12** ati : " *Maze kuko ubugome buzagwira , urukundo rwa benshi ruzakonja. Ariko uwihangana akageza ku mperuka ni we uzakizwa* ".

No mu **Baheburayo 10 : 35 – 39,** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : " *Nuko rero ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu bufite ingororano ikomeye. Kuko mukwiriye kwihangana kugirango nimumara gukora ibyo Imana ishaka, muzahabwe ibyasezeranijwe. Haracyasigaye igihe kigufi cyane, kandi uzaza ntazatinda. Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera. Nyamara nasubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira. Ariko twebwe ntidufite gusubira inyuma ngo turimbuke, ahubwo dufite kwizera ngo tuzakize ubugingo bwacu* ".

Ibibi rero biraje, ibyago n'amakuba biradusatiriye, tubyitegure, bitazatuma dukonja, tukagwa tukava mu gakiza.Ibi twagomba kuba tubizi kandi tubyiteze n'Imana itararinda kubidusubiriramo. Umwami Yesu yarabihanuye muri **Matayo 24**, avuga ku bizaba mu gihe cy'imperuka, kandi ni cyo tugezemo. Nta gushidikanya ko icyo gihe tukirimo kuko ibyahanuwe byose biriho birasohora. Dupfungure amaso tubone kandi dutege amatwi twumve, tureke kwiyobagiza kuko abiyobagiza bagiye gutungurwa.

Umwami Yesu yavuze ko muri iyo minsi hazabaho ibibi byinshi twashira mu byiciro 4 nk'uko tubisanga muri **Matayo 24** no muri **Yesaya 51: 6** no muri **Daniyeli 8 : 23-27**

1. **Abakozi ba Satani bazahagurukira abana b'Imana**
2. **Hazabaho ibiza n'indwara z'ibyorezo**
3. **Intambara n'impuha z'intambara**
4. **Ubuyobe bukabije**

## 1. Abakozi ba Satani bazahagurukira abana b'Imana

Ibi Umwami Yesu yabihanuye muri aya magambo ati : "*Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami* " **Matayo 24 : 7** Ubu muri ino si hari ishyanga ebyiri : Abana b'Imana bavutse ubwa kabiri, n'abanyabyaha. Kandi n'ubwami ni bubiri. Ubwami bw'Imana n'Ubwami bwa Satani. Abana b'Imana bari munsi y' Ubwami bw'Imana, n'abanyabyaha bari munsi y'ubwami bwa Satani.

Turetse ko abo muri ubwo bwami uko ari bubiri batigeze bagiranira imibanire myiza, ubu ho byafashe indi ntera. Abakiyoborwa na Satani ari bo Yesu yita ab'isi, bahoze ari abanzi b'abana b'Imana ari bo bitwa ab'Ijuru. Tunabigaragarizwa n'ingene ab'isi banze Umwana w'Imana Yesu, bagahora bamutuka ngo afite Dayimoni kuko ibyo yababwira n'ibitangaza yakora ntibababasha kubishikira kuko batemera ko ari Umwana w'Imana. Baramwanze kugeza ubwo bahora bapanga kumwica buri gihe kuko yababwiza ukuri, kandi igihe cyarageze baramwica, kandi bamwica urupfu rubi rw'urukozasoni rwo ku musalaba.

Umwami Yesu amaze kubona uburyo bamwanga n'ingene badashaka kwumva inyigisho ze ngo bihane bave mu byaha bamukurikire, yaraberurira arababwira ati : " *Mwebwe mukomoka mw'isi, jyewe nkomoka mw'Ijuru. Mwebwe muri ab'isi ariko jyewe si ndi uw'iy'isi. Ni cyo gitumye mbabwira yuko muzapfana ibyaha byanyu, kuko nimutizera ko ndi We, muzapfana ibyaha byanyu* ". **Yohana 8 : 23-24** None se ko Yesu ari we Mwagazi w'Intama waje gukiza abari mw'isi ibyaha, abatazamwizera ngo bamushikamisheho umutima bamubere ubuturo abiyoborere bazakurwa mu byaha n'iki ?, bazabipfiramo n'ubu ndetse no mu bihe bizaza.

Ubundi, yarababwiye ati : " *Iyaba Imana yari So muba munkunze , kuko naje nkomotse ku Mana. Sinaje ku bwanjye, ahubwo ni Yo yantumye. Ni iki gituma mutamenya imvugo yanjye, ni uko mutabasha kumva Ijambo ryanjye. Mukomoka kuri So Satani, kandi ibyo So ararikira, ni byo namwe mushaka gukora. Uwo yahereye kera ari umwicanyi, kandi ntiyahagaze mu kuri kuko ukuri kutari muri we. Navuga ibinyoma, aravuga ibye ubwe kuko ari umunyabinyoma, kandi ni se w'ibinyoma. Ariko kuko njyewe mbabwira iby'ukuri, ntimunyizera . Ni nde muri mwe unshinja icyaha ? Ko mvuga ukuri, ni iki gituma mutanyizera ? Uw'Imana yumva amagambo y'Imana, mwebwe igituma mutumva, ni uko mutari ab'Imana* ". **Yohana 8 : 42 – 51**

Urumva rero, abayuda batizera Yesu, baramugwanyaga, bagahora bamuvuguruza, amagambo yose yababwira ntibashake no kuyumva, bakamufata nk'umunyabinyoma yishira hejuru yiyita Umwana w'Imana kandi atari we. Bakaja bamubwira ngo reka kwigereranya, so na nyoko turabazi ni Yosefu na Mariya uri umuntu nk'abandi.

Ndetse n'abo bavukana mu nda imwe, bakiri mu bundi bwami bataramwizera, baramukwenagaga, ngo yishira hejuru yiyita umwana w'Imana . Noneho iminsi mikuru y'Abayuda yitwa ingando yendaga gusohora, nuko bene se baramubwira bati : " *Va hano ujye i Buyuda kugirango abigishwa bawe barebe imirimo ukora, kuko ari nta muntu ushaka kumenyekana wakorera ikintu mu ruhisho. Kuko ukora iyo mirimo, ngaho genda wiyereke abari mu isi bose. Umwami Yesu arabasubiza ati : Igihe cyanjye ntikiragera ariko icyanyu gihoraho iteka. Ab'isi ntibabasha kubanga, ariko njyewe baranyanga kuko mpamya ibyabo, yuko imirimo yabo ari mibi. …*" **Yohana 7 : 1- 7**

Umwami Yesu yaragwanijwe, kugeza aho agwanywa n'abavandimwe be, kandi urebye amagambo bamubwiraga, harimo n'ishyari. Ishyari ni umuzi mubi uturuka kuri Satani. Umuntu ugira ishyari mu mutima we, nta rukundo aba agifite ruba rwaramukamutsemo. Aba ari umugome, ata kindi agambirira ku bandi atari ibibi gusa. Iyo abonye icyo wirengeje, ahorana imigambi yo kuguhombya, ndetse akubonye uburyo no kukwica yakwica. Ishyari Abafarisayo n'Abanditsi bagiriye Yesu ngo yabamazeho abantu, ni ryo ryatumye bamugambanira akicwa nabi.

Uru rwango ab'isi banze Yesu, ni rwo bazanga n'abe, kandi ni rwo babanga n'ubu. Umwami Yesu yarabitubwiye neza ati : " *Ab'isi nibabanga, mumenye ko babanje kunyanga. Iyo muba ab'isi, ab'isi baba babakunze. Ariko kuko mutari ab'isi, ahubwo nabatoranije mu b'isi, ni cyo gituma ab'isi babanga. Mwibuke Ijambo nababwiye nti : Umugaragu ntaruta shebuja. Nyimba bandenganije, namwe bazabarenganya, niba bitondeye Ijambo ryanjye, n'iryanyu na ryo bazaryitondera. Ariko ibyo byose bazabibagirira babahora Izina ryanjye, kuko batazi uwantumye uwariwe*…." **Yohana 15 : 18-21**

Turabizi ukungene Intumwa za Yesu – Kristo n'abakristo ba mbere batotejwe n'abahakanyi ndetse bakanabica nabi, ariko bakomeza urukundo no kwizera kwabo, bihanganira imibabaro ikabije, ha kwihakana Yesu. Dufashe urugero rwa Stefano, ntiyigeze yanga abariho bamwica ngo abacireho iteka, ahubwo yabasabiye imbabazi ku Mana ngo icyo cyaha ntikikababarweho. Stefano yari yaramaze kumenya ibanga rimwe ko abanzi b'Umusalaba ko bakoreshwa na Satani. Imana idushoboze natwe tumere nka Stefano muri ino minsi y'imperuka. Natwe muri bino bihe tugomba kumenya ko umwanzi yahagurukiye mu batubaha Imana kugirango batugirire nabi batume dusharira mu mitima yacu noneho urukundo rwacu rukonje, twuzure inzigo n'ubugome, natwe dutangire kubagambanira no kubihora.

Tugendane ubwenge kuko umwanzi w'Imana n'abantu yakajije umurego kugirango adutandukanye n'Imana duhushe ijuru. Ntitukirirare, dufite umwanzi udasiba kudutega imitego itubuza kuja mw'Ijuru. Imigambi ye, ni ukuvusha abana b'abantu ubugingo buhoraho. Tube maso.

Kwikunda kw'abantu muri bino bihe kuri gufata intera ndende cyane. Ni yo mpamvu ubugome bwabaye bwinshi mu bantu. Ubwicanyi, ubujura, ububeshi, guhemuka ku bw'inyungu z'umuntu bwite. Yewe, no guhemukira ibihugu, abantu ntibakibigera umutwe.

Pawulo muri **2 Timoteyo 3 : 1- 5** yaraduhanuriye uko abantu bo mu minsi y'imperuka bazaba bameze. Yaratubwiye ati : " *Umunye ko mu minsi y'imperuka hazabaho ibihe birushya, kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, badakunda n'ababo, batuzura, babesherana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza, bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako. Abameze batyo uje ubatera umugongo* "**.**

Mu by'ukuri, isi yahindutse ikidaturwa kubera ibyaha by'abayituye, n'ubugome bukabije busigaye buri mu mitima ya benshi. Ababikurikiranye muribuka mu mezi ashize umugabo atuye ku muyumpu muri District ya Rwamagana ingene yishe umugore we yarangiza akamubaga akamuteka akamugaburira abana be ngo umupfumu yamubwiye ko ariho atazafatwa. Murumva isi itameze amenyo? . Ese abo bana b'uwo mugore n'ababyeyi be n'abavandimwe be, bazahozwa n'iki atari Imana yo mw'Ijuru yihagurukiye kubarengera ?

Umwami Yesu ni we yatugiriye inama muri cya gitabo cyitwa ngo : " **Ubugeni bw'Umwana w'Intama** " ko tugomba gutera umugongo iyi si, tukaba ari we twirukira, kuko isi irasamye irenda kutumira. Abantu imitima yarabavuyemo kubera amafranga n'amaronko yo muri ino si. Umuntu arebye nabi, n'amaso bayamurokoramo bakayamutwara. Kandi n'ikibazo kihari, n'abiyitirira Yesu, abenshi baracaganjwe n'iryo rari, ndetse no mu bakozi b'Imana harimo intambara nyinshi ziri hagati yabo zituruka ku mafranga. Kwica mw'ibice kw'amatorero kubera kutumvikana kw'abayobozi, ni kimwe mu bintu biri gusenya umurimo w'Imana no gusubiza inyuma abatarakomera mu Gakiza. Ni yo mpamvu nyamukuri Imana ivuga ko muri uno mwaka wa 2018 ko twayikoreye ibibi byinshi.

Abantu baribagiwe rya Jambo ryo muri **Zaburi 133** ritubwira ko umugisha wo kubona ubugingo buhoraho ko utegekeye mu guturana duhuje. Kandi Ijambo ry'Imana mu **Baheburayo 12 : 14** ritubwira ko tugomba kugira umwete wo kubana n'abantu bose amahoro kugirango tuzabone Imana. Ariko ikibazo kihari abantu ba none bari guhirimbanira umunezero wo muri ino si. Bishakira kubaho baguwe neza. Inda ni yo bashize imbere ibibagiza ubuzima bw'iteka. Iby'ubugingo ntibabinezwe. Buri wese akwiye gufata ingamba zo kwitandukan-

ya n'abantu bakimeze gutyo, kandi agatera umugongo ibyo bakora na za gahunda zabo mbi. Pawulo atubwira mu **Baroma 12 : 2** ati :" *Kandi ntimukishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya kugirango mumenye neza ibyo Imana ishaka ari byo byiza bishimwa n'Imana* ".

### 2. Hazabaho ibiza n'indwara z'ibyorezo

◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇

Ibi si agaseseshwa rumuri. Ibiza birahitana ubuzima bw'abantu benshi mu mpande nyinshi z'isi. Umwuzure, ibishitsi, imiriro yaduka igatwika amashamba n'amazu y'abantu kuri za hectares na za hectares. Ibirunga biruka mu buryo butunguranye bigahitana ubuzima bw'abantu, impanuka ntizisiba kwica abantu. Nta musi wijana. Indwara z'ibyorezo na zo zikajije umurego mu gutwara ubuzima bw'abantu nka Sida, ebora na macinya…. Indwara zitavugwa kandi zitandura, nka Cancer , Sida, diabete n'izindi, zimaze kwibasira abari mw'isi kandi zitwara benshi. Impfu zitunguranye zabaye nyinshi.

Ibi Umwami Yesu yarabihanuye muri **Matayo 24,** ariko na mbere yaho byari byarahanuwe mbere cyane bihanuwe na Yesaya aho Imana yamuvugiramo ikatubwira iti : " *Nimwubure amaso murebe ijuru, murebe no ku isi hasi. Ijuru rizatamuruka nk'umwotsi, n'isi izasaza nk'umwambaro, n'abayibamo bazapfa nk'isazi, ariko Agakiza kanjye kazagumaho iteka ryose, kandi gukiranuka kwanjye ntikuzakuka* ''. **Yesaya 51 : 6**. Ibi byose ni ukuri byatugezeho. Isi yarashaje isajishijwe n'abayituye. Ibihe birahindagurika bigashira abatuye isi mu kaga gakomeye kubera kwangiriza ikirere bikorwa n'ibi bihugu biteye imbere. Turetse n'ibyo, isi isazishijwe n'abayituyemo batakigira umucyo wa kimuntu. Umwana arica umubyeyi ngo amuzungure vuba na bwango. Umubyeyi aratinyuka akica umwana we cyangwa akamujugunya ngo yabuze uko amurera…, abaryamana basangiye igitsina. Ibibi muri ino si byakabije. Ibi byose ni ibigaragaza ko igihe kigeze kure.

### 3. Intambara n'impuha z'intambara

◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇

Intambara nta wutazi ingene zayogoje ibihugu. Ni ibihugu bike mw'isi biri mu mahoro. Turetse intambara z'amasasu, intambara z'ibitekerezo n'amagambo, intambara za politique n'iz'ubukungu na zo zirabangamiye abatuye ino si. Impunzi zabaye nyinshi, abakurwa mu byabo n'intambara ntibagira umubare. Abantu baracura umuborogo hirya no hino. Na byo Yesu yari yarabihanuye muri aya magambo : '' *Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara. Mwirinde mudahagarika imitima kuko bitazabura kubaho* ''. **Matayo 24 : 6** . Twebwe icyo tugomba gukora ni ukwikomereza ku Uwiteka kuko ibi byose ntibizabura kubaho ku bwo ubugome no kwikunda biri mu bantu, mu bihugu, mu moko no mu turere. Tube maso

tudatembanwa n'imibabaro. Turi mu minsi y'imibabaro ikabije nk'uko Umwami Yesu yabitubwiye ngo : '' *Muri iyo minsi, hazabaho umubabaro mwinshi utigeze kubaho uhereye ku kuremwa kw'isi ukageza none, kandi ntuzongera kubaho* '' **Matayo 24 : 24** Uwo mubabaro ni ko uzagenda ukaza umurego uko tuzaja dusatira ukugaruka kw'Umwami wacu. Ariko nyine uzagera ku rugero rukabije ruzaba rugoye kwihanganirwa umunsi Yesu yazamukanye Itorero rye akarivana muri ino si. Mwisomere muri cya gitabo cyitwa '' Ubugeni bw'Umwana w'Intama '' mwirebe uko bizaba bimeze, musobanukirwe akaga abantu bazaba basigaye muri ino si bazaba binjiyemo. Duhore twiteguye tutazasigara mw'isi ngo tuzahure n'akaga gategereje abanzi b'Imana n'abatumvira Imana bose.

## 4.Ubuyobe bukabije

◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇

Umwami wacu Yesu –Kristo yaratuburiye kugirango twirinde. Muri **Matayo 24 : 4,** 11 yaratubwiye ati : « *Mwirinde hatagira umuntu ubayobya kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye bati : Ni njye Kristo, bazayobya benshi. Ndetse n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bayobye benshi* » . Uko Umwami Yesu-Kristo yabivuze ni ko biri . Abiyita Yesu bamaze kugaragara muri ino si , kandi abatagira ubwenge bari kubakurikira. Abahanuzi b'ibinyoma birirwa bavuga ngo Imana iravuze atacyo yavuze, abandi ngo beretswe atacyo beretswe baragwiriye. Noneho bakirirwa babesha abantu kugirango babashakemo indamu.

Nanjye umunsi umwe byambayeho. Umuntu yaraje ambwira ngo avuye i Cyangugu ngo hari icyo Imana yamuntumyeho. Arambwira ngo Imana igiye kuguha imodoka nsha. Arananyereka mu modoka zariho zinyura imbere yacu, ngo dore ni Jeep nk'iriya. Arangije kumbesha noneho arambwira ngo yashaka ko mukopesha amafranga ngo yo kuriha imisoro ya computer ze zari muri Magerwa. Nahise numva ko yaje kumbesha kugirango ankuremo amafranga ndamuhakanira ko ntayo mfite, na cyane cyane ko nari maze iminsi ndonse hari umuntu yanyibye.

Rero abo basezi bahora basabisha izina ry'Uwiteka babivemo. Nyimba gusabiriza barabigize umwuga, baje basabiriza batitwaje Imana bayibeshera. Nyamara mumenye ko ukuboko kw'Imana ko kugiye kubasumira nimutisubiraho.

Murakina n'Imana mutazi. Iyo modoka sinigeze nyibona hashize imyaka cyumi. Icyakora nta n'icyo byantwaye kuko ntigeze mbyemera, nahise muhinyura. Icyakora nyine uzaguhanurira ibyiza uzabyemere ari uko bishoje, hagati aho bitagutandukanya n'Imana ngo ibe ari yo wita umubeshi. **Yeremiya 28 : 8-9** Mube maso kandi mugendane ubwenge kuko abantu b'abapfapfa, abo

bahanuzi b'ibinyoma bigize nk'abapfumu barabatwaye imitima. Ha gushaka Imana ngo ibe ari yo ibagira inama kandi ibahishurire imigambi yayo kuri bo no ku miryango yabo, birirwa biruka inyuma y'abo batekamutwe. Ibyo bababwira byose ni ibinyoma bitazigera bisohora. Ababyiringiramo bose baragwa nta kabuza kuko batakaza icyizere mu Mana, batangira kuyita umubeshi.

N'abakozi ba Satani beruye na bo baradutse, bakoreshwa ibitangaro n'ibitangaza n'imyuka mibi. Abantu mwirirwa mubirukanga inyuma ngo mubaboneremo ibisubizo by'ibibazo byanyu muragowe. Ibyo biganza birirwa babarambikaho n'amavuta birirwa babasukaho mutazi iyo avuye bizababahumanya ubugingo mwuzure imyuka mibi. Kubahumanura bizaba intambara. Bazababatanga i kuzimu mutabizi, kubavanayo bizaba bikomeye. Hari n'igihe bitazakunda. Aho mwumvise ngo hari ibiterane by'ibitangaza hose murahurura. Ese mwamenya abo bantu bakoreshwa na nde ? Ntimuzi ko n'abakonikoni ba Farawo ko bahindura inkoni inzoka nka Mose ? **Kuva 2: 4** . Ese murahurura muja hehe ko Yesu ukiza ari muri mwe ? . Ahubwo mumushakane umwete muzamubona, mumwisunge muzuzura na we nk'uko Imana itubwira muri **Yesaya 27 : 5** iti : '' *Wisunge imbaraga zanjye kugirango ubone kwuzura nanjye* ''. Nimwuzura n'Imana, ni iki muzayiburana ? . Nta na kimwe, izabakiza muri byose.

Imana iravuga muri **Yesaya 65 : 11- 16** iti : « *Dore abagaragu banjye bazarya na yo mwebwe muzicwa n'inzara, abagaragu banjye bazanywa, ariko mwebwe muzicwa n'inyota, abagaragu banjye bazanezerwa, ariko mwebwe muzakorwa n'isoni. Dore abagaragu banjye bazaririmbishwa n'umunezero wo mu mutima, naho mwebwe muzarizwa n'agahinda ko mu mutima, muborozwe n'imitima ibabaye . …. ………………"*. Umunyamahirwe muri ino si, ni uharanira kugendana na Yesu, agahora mu busabane bwihariye hamwe n'Umwami we. Nayo abiringira ibitari Imana bakiririwa birukanga inyuma y'abana b'abantu, bazabona ishyano, nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga muri **Yesaya 31 : 1** riti : '' *Bazabona ishyano abamanuka baja muri Egiputa kwitabariza, bakiringira amafarashi bakirigira n'amagare kuko ari menshi, kandi bakiringira abagendera ku mafarashi kuko ari abanyamaboko cyane, maze ntibibite ku Uwera wa Istraeli kandi ntibashake Uwiteka*.''…..

N'Ijambo riri muri **Yeremiya 17 : 5 -6** rirabishimangira riti : « *Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishima amaboko ye mu mutima we akimura Uwiteka. Azaba ameze nk'inkokore yo mu butayu, kandi icyiza nikiza ntazakibona, ahubwo azatura mu butayu mugihugu cy'ubukuna kidatuwemo.* » Urumva rero, nta mahirwe y'abantu bisunga abandi bantu nka bo, bagahora bashakira Imana mu bandi bantu ha kuyishakamo. Petero Intumwa ya Yesu-Kristo na we yaratwandikiye aduhugurira no kwirinda abigisha b'ibinyoma kuko na bo barahari. Yaratubwiye ati : « *Ariko nk'uko hariho abahanuzi b'ibinyoma badutse mu bwoko bw' Abistraeli , ni ko no muri mwe hazabaho abigisha b'ibinyoma, bazazana rwihereranwa inyigisho zirema ibice zitera kurimbuka, ndetse bazihakana na Shebu-*

*ja wabacunguye bizanire kurimbuka gutebutse. Ingeso zabo z'isoni nke benshi bazazikurikiza batukishe inzira y'ukuri. Kandi irari ryabo rizabatera gushakisha indamu kuri mwe bababwiye amagambo y'amahimbano, ariko iteka baciriwe ho uhereye kera ntirizatinda, no kurimbuka kwabo ntiguhunikira* » . **2 Petero 2 : 1- 3**

Rero turetse abahanuzi b'ibinyoma n'abigisha b'ibinyoma bavuga ibijanye n'irari ryabo baradutse. Abo bantu bahora batanga n'ubuhamya bw'ubuhimbano bavuga ibyo Imana yabakoreye bibeshera babeshera n'Imana kugirango abantu bababonemo ibitangaza, bemere ko barimo Imana. Iyo bamaze kubakongezamo irari ry'iby'isi, mwiririwa mubiruka inyuma ngo babasengere namwe mubone amaronko nk'ayo babonye. Kandi ntibazabasengera mutabahaye amafranga. Hari n'abaterura intebe bicaraho na za television bakabiha abo batekamutwe ngo ni ko Imana yategetse, ngo nayo ahandi hoho Imana ntibumvira.

Mwagiye muca ubwenge mukamenya Ijambo ry'Imana rikaba ari ryo ribayobora, rikabakiza akabi kose. N'ukuri abatisunga Ijambo ry'Imana muri byose bazayoba bakomeze bakiranirwe kugeza aho bazarimbukira. Kuko Ijambo ry'Imana ritubwira ko : '' *Icyo dusaba cyose tugihabwa na yo, kuko twitondera amategeko yayo tugakora ibishimwa imbere yayo. Kandi itegeko ryayo ni iri : Ni uko twizera Izina ry'Umwana wayo Yesu-Kristo tugakundana nk'uko yadutegetse* ''. **1 Yohana 3 : 22-23** Rero, ntabwo Imana izaduha umugisha kuko turi kwaya ibyacu tubiha abatekamutwe baduhendesha ubwenge. Nitubura ubwenge, ahubwo Imana izatureka. Umugisha w'Imana ntugurwa amafranga cyangwa ibintu, tuwuhabwa no gukomeza amategeko y'Imana ari ko gukundana no gukomeza kwizera kwacu muri Yesu-Kristo nk'uko rino Jambo ribitubwiye.

Mwitonde rero mushishoze mugendane ubwenge kuko ibisayangana byose atari inzahabu. Musabe Imana ubwenge bwo kurobanura imyuka, no kurobanura ubuhanuzi bw'ibinyoma n'ubw'ukuri, inyigisho z'ibinyoma n'iz'ukuri. Musabe Imana amaso y'Umwuka yo kubona abakorerwamo n'Imana n'abakorerwamo na Satani. Ni yo mpamvu Imana yatubwiye ko muri uno mwaka tugiye gutangira wa 2019 , kandi si iby'uyu mwaka gusa, ni ibyo muri bino bihe tugezemo by'imperuka ko hariho abariho bavoma ibirohe bya Baramu.

Inkuru za Balaki na Baramu muzisomere mu gitabo cyo Kubara mu gicye **cya 22**. Mu magambo make, Balaki yari Umwami w'Abamowabu, atinyishwa cyane n'Abistraeli bari baganditse mu kibaya cy'igihugu cye bari mu rugendo rwo gusubira i Kanani. Noneho Balaki yinginga Baramu umuhanuzi w'Imana ngo aje kumuvumira ubwo bwoko bw'Abanyistraeli ngo batazamunesha. Baramu ashutswe n'ibiguzi Balaki yamushukishaga ahagurukira gutitiriza Imana ngo ay-

isabe uruhusa rwo kujana n'abagaragu ba Balaki aje kuvuma ubwoko bw'Imana. Ubu se ibyo yarinda abibaza Imana ntiyarazi ko Imana idashobora kubyemera. Ariko kubera guhahamukira ibihembo, Imana yaramwankiye ubwa mbere ntiyumva, asubira kuyinginga ubwa kabiri. Ni ho Imana kubera kuyigondoza yamubwiye ngo : '' *Genda ariko uje uvuga ibyo nzaja nkubwira* ''.

Hari abantu rero batariho bumva Ijambo ry'ukuri, ahubwo bariho bumva amagambo y'amahimbano y'ababashakamo indamu. Ni byo birohe Imana ibabwira. Mwitonde, amazi meza y'umusarara, ari yo Petero yise amata adafunguye muri **1 Petero 2 : 1-2**, nta handi wayasanga atari muri Bibiliya honyine. Mwige Ijambo ry'Imana kugirango muzabashe guhinyura ababapfunyikira amagambo y'amanjwa bihimbiye mu bwenge bwabo kugirango babatekeho imitwe. Imana yongeye muri buno butumwa bwa 2019, kuduhamagarira gukunda Ijambo rye.

Umwami Yesu yaraducashe we ubwe muri cya gitabo yandikisha umusabyi we Suzanne Davis ati : « *Isi ntabwo yakomeza kubaho iri kure y'ukuri kwanjye n'inzira zanjye. Ni ubwato buri kurohama. Igihe kirageze cyo kuva muri ubwo bwato. Nimpamagara abizera banjye uzaba urimo ? Uzankurikira cyangwa uzasigara inyuma ugundiriye ibyiringiro by'ibinyoma ko isi igufitiye ibisubizo byose ? Ese uracarimo wumva ibinyoma by'isega yambaye uruhu rw'intama ngo nta kibazo kandi ngo byose bimeze neza ? Aya masega atanzi, yambaye ishusho y'ubumana ariko ahakana imbaraga zanjye ? Murashaka gukomeza kuyobwa no gushukwa kuko muryohewe n'isi cyane ?* » **2 Timoteyo 3 : 5 .**

Nyamara, ibi byose bibereyeho kugirango tugeragezwe. Imana iri kugerageza urukundo rwacu, iri kugerageza ukwizera kwacu atari ukugirango iducireho iteka, ahubwo irashaka kutugeza ku rugero rukwiriye rwo kwihangana no kwirinda ari byo bintu 2 bigaragaza abanesha. Ariko duhagarare kigabo kuko Imana idatsindishiriza na hato abo gutsindwa. Ni ukuvuga ko itaneshereza abaneshwa. Iri ni Ijambo dusanga mu **Kuva 34 : 7** . Ni yo mpamvu Imana yongeye ikavuga iti: "*Naho bimeze bityo, ibigeragezo n'ibiyobya abantu bikaba ari byinshi, abanjye nzabereka inzira yo kunyuramo n'iyitanyurwamo. Nzabereka ibyo bakwiriye kurya n'ibyo badakwiriye kurya. Nzabereka amazi meza bakwiye kunywa, n'ibirohe badakwiye kunywa. Nzabarinda igihe cyo kugerageza kigiye kuza mu bihugu byose* ".

Imana yongeyeho ko hari ingabo ze yohereje gushira ibimenyetso ku ngo zubaha Imana. Ngo urugo rutariho ikimenyetso cyayo rugiye guhura n'akaga. Imana yarabiduhanuriye neza mu **Migani 3 : 33** iti : " *Umuvumo w'Uwiteka uhora mu rugo rw'umunyabyaha, ariko ubuturo bw'umukiranutsi abuha umugisha*."

Ijambo ry'Imana muri **2 Petero 2 : 9** rirongera rikabishimangira riti : " *Umwami Imana izi gukiza abayubaha ibibagerageza no kurindira abakiranirwa kugeza ku munsi w'amateka ngo bahanwe* " . Rero, ingo zubaha Imana zigiye kurindwa zigubwe neza, nayo izitubaha Imana zigiye guhura n'akaga gakomeye.

Ingo zubaha Imana, ari zo ngo zatuje Imana muri zo, zizashirwaho ikimenyetso zirindwe n'Imana, na yo ingo zirekuriye Satani zikaba ari yo zimika, zigiye guhura n'amakuba. Erega ahari Satani nta cyiza cyahagaragara, yazanwe no kwica no kurimbura.

bushake bwayo. Ni ingo zisunga Imana muri byose, zikagisha inama Imana muri byose, zikizera Imana mu bihe byose. Ni ingo zimitse Imana muri zo ku bwo kuzubakira kw'Ijambo ry'Imana, nk'uko nari maze kubivuga,. Ni ingo zirangwa n'amahoro n'umutekano, kwubahana n'urukundo bisendera bikagera mu baturanyi ndetse no mu bantu bose bazigana. Ni ingo zakira neza abashitsi, zikihotorera abakene. Ni ingo zihora zishakisha gufasha abandi gukemura ibibazo byabo. Ni ingo zipfunguye, zizi kubana n'abandi.

Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza muri **Yobu 11 : 13- 20** riti : '' *Nuboneza umutima wawe ukayitegera amaboko, niba hari ikibi mu kuboko kwawe ugite kure, kandi we kwemera ko gukiranirwa kuba mu rugo rwawe. Ni ukuri, ni ho uzubura amaso udafite ikizinga, uzakomera kandi nta bwo uzatinya, kuko uzibagirwa umubabaro wawe, uzawibuka nk'amazi amaze gutemba. Kandi ubugingo bwawe buzarabagirana kurusha amanywa y'ihangu, n'aho haba umwijima, hazatambika umuseke. Kandi uzaba amahoro kuko hariho ibyiringiro. Ni ukuri uzakebuka ibigukikije wiruhukire mu mahoro. Uzaryama he kugira ugutera ubwoba, ni ukuri benshi bazaguhakwaho. Ariko amaso y'abanyabyaha aziheba, kandi ntibazabona aho guhungira, n'ibyiringiro byabo bizaba guheza umwuka* ''.

Nuko rero buri rugo rugomba kwirinda gukiranirwa kwose. Kandi buri wese ku giti cye agomba kuboneza umutima we, agata kure ikibi n'igisa nacyo agahorana n'ibyiza. Ni ho urugo rwanyu ruzashirwaho ikimenyetso kugirango ibyago bitegereje abatubaha Imana bibabe kure.

Birasaba ko twebwe ababyeyi tugira kwirinda kwinshi tukitwararika imyitwarire yacu,n'iy'abana bacu, tugahinduka rwose tugasa na Yesu–Kristo, tukuzura urukundo n'impuhwe tukava mu kwikunda. Ntitugirire neza gusa abo mu rugo rwacu, ahubwo tukagirira neza bose uko dushobojwe. Ababyeyi na cyane cyane ababyeyi ba b'amamans, ni mwe mitima y'ingo zanyu. Mugomba guhagarara mu cyuho cy'abatware banyu n'icy'abana banyu mugahora mwihakirwa muhakirwa n'abanyu. Abagore, mugororokere Imana, mwiyegurire Imana,

mwicange nayo, muyisunge muri byose kandi muyiragize abanyu bose n'ibyanyu byose, nayo izashira ikimenyetso ku ngo zanyu ibarinde, ibarindane n'urubyaro rwanyu n'abo mwubakanye. Umurimbuzi naza ntazarimbura ingo zanyu. Ikindi muri bwa butumwa nabagezaho bubagenewe, Imana yababwiye ko ishaka gukorana namwe. Muhaguruke mukorere Imana ata kindi mugamije atari uguteza imbere Ubwami bwayo, kandi mutoze abana banyu kugororokera Imana no kuyikorera. Ibi ni ibihe bikomeye aho buri wese agiye kurengerwa we n'umuryango we n'ibyiza yakoze. Tugomba gushakisha ibyo Imana yabasha kutwibukiraho ikadutabara. Imana muri buno butumwa iradusaba kwirinda gucogora gukora neza. Erega Imana nayo izi kurengera abayitayeho. Nuyitaho na yo izakwitaho wowe n'umuryango wawe. Nuyimura ukayibagirwa na yo izakwibagirwa yibagirwe n'abawe.

Muri **Yesaya 65 : 11- 16, 22-23** Ijambo ry'Imana ritubwira ingene abimuye Uwiteka bakisunga ibigirwamana bazakubitika mu gihe abatoni b'Imana bazaba baguwe neza. Noneho **ku murongo wa 22-23** akavuga ati : '' *Kandi abatoni banjye bazashira kera bishimira imirimo y'intoki zabo. Ntibazaruhira ubusa, kandi ntibazabyara abana bo kubona amakuba, kuko bazaba ari urubyaro rw'abahawe umugisha n'Uwiteka, hamwe n'abazabakomokaho. Maze ubwo bazaba batarantabaza, nzabatabara, kandi bakivuga nzumva*''.

Murabona rero ko umugisha uhabwa abakiranutsi b'Imana, uragenda ukagera no ku babakomokaho bose. Ni ukuri tugororokere Imana kugirango tubone kugirirwa neza n'Imana, twebwe n'abacu. Mu gihe cya Nowa, iherezo ry'abafite imibiri bose rimaze kuza mu maso y'Imana kubera ubugome bukabije bwari mu bantu, Imana yabwiye Nowa ngo : " *Injirana mu nkuge n'abo mu nzu yawe mwese , kuko ari wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye muri iki gihe* " ? . Umugore wa Nowa, Abana ba Nowa, abakwe be n'abakazana be ntibari abakiranutsi, ariko baboneye umugisha kuri Nowa, Imana ibakizanya na we. Natwe, uwoba yarakijijwe mu muryango we, ni yo yaba ari umwe, yaba umugabo cyangwa umugore, umusore cyangwa inkumi, nahagarara neza mu Gakiza yaronse, agaharanira inzira yo gukiranuka, azahesha umugisha umuryango we wose. Bitabaye ibyo, azawuzanira umuvumo.

Rero bene Data, no muri kino gihe, iherezo ry'isi ryaje mu maso y'Imana kubera ibibi biri kuhakorerwa. Yesu yaravuze ngo birihuse kuko atazakomeza kwihanganira ino si yataye Imana. Mwinjire rero mu nkuge mwebwe n'abanyu.

Kandi inkuge isobanura Agakiza mu buryo bw'Umwuka. Mwinjire rero mu Gakiza mwebwe n'abanyu mukagumemo mugakomereho ntimusohoke, kugeza ku mperuka, ni ho muzarokoka. Kandi nk'uko Imana yatabaye Nowa

n'umuryango we wose, namwe izabarinda ibihe byo kugeragezwa bigiye gukwira isi yose nimwaguma mu Gakiza, ari we Yesu, ari we Jambo ry'Imana. Aya ni amasezerano twahawe na Yesu –Kristo mu **Byahishuwe 3 : 10** ati : " *Kuko witondeye Ijambo ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza kigiye kuza mu bihugu byose kugerageza abari mu isi. Ndaza vuba, komeza ibyo ufite hatagira ugutwara ikamba ryawe*." Uwiteka yambwiye ngo mbabwire mukomere, mwe kuva mu masezerano y'ibyiza. Ibyo murebesha amaso ntibikabatere ubwoba. Mwikomereze ku Uwiteka na we azabarengera. Afite imbaraga n'ubushake byo kudutabara. Twebwe icyo tugomba gukora ni ukumwirukira gusa. Ibi muzabishobozwa n'uko muhora mukenyeye, kandi amatabaza yanyu agahora yaka. Gukenyera tuvuga hano, ni ugukenyera kwo mu mutima. Imana iradusaba guhora dukenyeye urukundo no kwizera mu mitima yacu dukenyejwe n'Ijambo ry'Imana. Nitwabigenza dutyo, itabaza ryacu ari we Mwuka Wera rizahora ryaka mu mitima yacu. Ariko nitwatatira igihango tugakenyurura, Umwuka Wera uzazima muri twebwe hacure umwijima w'icyuraburindi.

Ibi turabisanga mu **Byahishuwe 2 : 4- 5** aho Marayika yandikiye Itorero rya Efeso akaribwira ati : " *Mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere, ati ibuka aho wavuye ukagwa wihane ukore imirimo nk'iya mbere, kuko nutabikora nzaza aho uri nkure igitereko cy'itabaza cyawe ahacyo nutihana.*" Igitereko cy'Itabaza Marayika w'Imana avuga ni Umwuka Wera. Rero nitutihangana kugeza ku mperuka ngo dukomeze kwizera n'urukundo, Imana izadukuramo Umwuka we Wera turimbuke.

Twariho tuganira ku butumwa Imana yampaye bwa 2019 butubwira ko Umwaka wa 2019 ko ari umwaka urimo ubukonje kandi ko ari umwaka ukomeye urimo ibibi byinshi. Twasanze ari ko ibihe tugezemo by'imperuka bimeze nk'uko Umwami wacu Yesu –Kristo yabiduhanuriye muri Matayo 24. Naho bimeze bityo, Imana ifite ubushake n'ubushobozi byo kurinda abayo akaga kimirije. Ni twebwe bo guhitamo kurindwa cyangwa kutarindwa twebwe n'ingo zacu. Na Yo Imana yoyo yiteguye gusoza ibyo duhitamo kuko irabishoboye nta na kimwe inaniwe.

Babyeyi, duharanire kubera abacu umugisha ntitubabere umuvumo. Abagore, mugomba gusobanukirwa neza n'inshingano zanyu. Ntabwo mwibereyeho mwenyine, mubereyeho benshi, kandi ubugingo bwa benshi buri ku rutugu rwanyu. Mube maso rero kandi musenge ubutitsa na cyane cyane mwitegure Umwaka utaha wa 2019, muwusengere cyane kugirango muzawurye ntuzabarye mwebwe n'imiryango yanyu. Amen

**Ubutumwa bw' Umwaka wa 2019 nk'uko Imana yabumpaye ngo mbubagezeho.**

◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇◇

**Uwiteka Imana yacu aratubwiye ati** :
Umwaka wa 2019 urimo ubukonje. Urimo ibintu bibi bikomeye. Abanjye nzabereka inzira yo kunyuramo n'iyitanyurwamo. Nzabereka ibyo bakwiye kurya n'ibyo badakwiye kurya. Hari abariho bavoma ibirohe bya Baramu. Hari ingabo nohereje gushira ibimenyetso ku go zinyubaha. Urugo rutariho ikimenyetso cyanje rugiye guhura n'akaga. Ntimugacogore gukora neza, kandi mwe kuva mu mazezerano yanjye, kandi mukunde gusoma Ijambo ryanjye. Mube maso, ni ibihe byo kunyegera. Nta wasenze by'ukuri azakorwa n'isoni. Ikimenyetso cyanjye kiri ku bahindutse by'ukuri. Ambara imbaraga buri wese ku giti cye. Hari igihe mutazaba mukibasha gusengana, buri wese asenga ku giti cye. Buri wese nasenge ku giti cye asabe ikimenyetso cy'Umwuka Wera. Musabe imbaraga zanjye, kandi ntanga ibyo umuntu wese ashaka kandi abikwiye. Mumenye ko ibiryo byanjye bidahabwa imbwa. Muve mu byo murimo munyegere mungishe inama. Ni nde wansuye simusure ? Nzirana n'abantu b'amacenga. Mugire urukundo mu mitima yanyu kandi mugire ukwizera. Mu macenga no mu mashyari sindimo. Munyegere uko mushoboye, amaboko yanjye arinze ingo z'abanyegereye. Amen

Musome ino mirongo ya Bibiliya : **Kuva 11 , Ezekiyeli 9 , Yesaya 65, Abafilipi 6, Abaroma 12 , Imigani 31 : 11-31, Ibyakozwe n'Intumwa 1 : 1- 14, Ibyakozwe n'Intumwa 2 yose, 2 Abatesalonike 2 : 1-16 , Abakolosayi 3 : 18-25, Abakolosayi 4 : 1-6, Abefeso 5 : 15-20, Abagalatiya 6 : 1- 10.**

***Ndangije mbipfuriza kurangiza neza Umwaka wa 2018 no kuzagira Umwaka mwiza wa 2019. Uzababere muhire, uzababere uwo kwitabwaho n'Imana.***